Ukwakira / Oktober 2019 *Kinyarwanda*

Mujye mutanga namwe muzahabwa. (Lk 6,38)

Kontakt: *Meinolf Wacker*
Kirchplatz 7
59174 Kamen

Mobil.: *+49-172-5638432*
Mail: *meinolf.wacker@go4peace.eu*
Homepage *www.go4peace.eu*

Ba ufatika!
Be concrete!

Nshuti bakunzi b‘ijambo!

Hari ku wa gatanu mutagatifu – bwije nimugoroba. Kuko mu Bufaransa uyu munsi atari uw’ikiruhuko, yashoboye gufata urugeno nyuma ya saa kumi n’ebyiri. Saa tanu z’ijoro ni ubwo yari ahageze. Twembi twagiye kumufata kuri gare ya gariyamoshi. Yari yakoze urwo rugendo kugira ngo azabe ari mu birori by’isakaramentu ry’ugukomezwa inshuti ye yiteguraga guhabwa. Ni uko bombi bongera guhura nyuma y’igihe kinini badaherukanye. Byari ibyishimo byinshi cyane ku buryo natwe aba ari aho twari twatwawe. Umunsi wakurikiye ho wari uw‘imyiteguro. Twateguraga umunsi mukuru wa Pasika dufatanyije n’urubyiruko. Elodiya wakomokaga mu mugi wegereye Paris yahise adusanga arafusha. Yaritangaga uko yari ashoboye kose.

Igitaramo cya Pasika cyaratangiye. Inshuti ye yahawe isakaramentu ry’ugukomezwa. Byari ibintu bidasanzwe byakoze benshi ku mutima. Nietegereje Elodiya. Yari yatwawe wese. Amaso ye yari ameze nk’irembo rijyana mu ijuru“, yari yuzuye amahoro n‘ibyishimo. Nyuma y’iminsi ibiri yasubiye iwabo i Parisi. Yaje kunyandikira: „Urabizi, numvaga mbabaye kubera ko hari hashize igihe kinini naribagiwe icyo bivuze by’ukuri ko Imana ihari mu buzima bwanjye. None numvise ko nshobora kuyisaba byose kuko ihari kandi nanjye mpora ntumiriwe gusabira n’abandi. Ibi nashoboye kubisobanukirwa muri iyi minsi.“

Nahise nibuka Madeleine Delbrêl, ukuntu mu myaka ye y’ubuti yashoboye kumenya ko umuntu ashobora gukunda Imana nk’uko ushobora gukunda undi muntu, ibyo bikaba byarahise bihindura ubuzima bwe bwose. Aya mahirwe ni yo Elodiya yagize muri kiriya gihe. Kuva icyo gihe na we yiyemejo gufata inzira yuzuye ibyishimo by’uko aza guhurira na Yezu mu bantu bose yahuraga na bo mu mugi yari atuyemo, Uwo yahuraga na we wese yamuzirakanaga ku mutima akamutura Imana mu isengesho.

„Mujye mutanga namwe muzahabwa!“. Iyi ni yo nama Yezu yagirise inshuti ze. Yongeye ho ati: „Mu cyibo gishimishije, gitsindagiye, gicugushije, gisheshekaje, ni cyo muzasubirizwamo!“ Uyu munezero w’ubuzima nagize amahirwe yo kuwubona mu maso ya Elodiya. Yatanze amagana y’ibirometero kugira ngo aze mu birori by’inshiti ye. Yasubiye iwabo agabiwe byinshi cyane. Imana yashoboye kongera kumukora ku mutima. Yarakiriye bishimishije kandi bisheshekaje. Urukundo rwitanga rufatika iteka. Ngaho rero: **Ba ufatika! (kunda bifatika) – Be concrete!**

Ku bw’itinda OnWord Meinolf Wacker